



Umwaka wa 64
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe
yo ku wa 21/10/2025

Year 64
Official Gazette n° Special of
21/10/2025

64^{ème} Année
Journal Officiel n° Spécial du
21/10/2025

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup

Itegeko/ Law/ Loi

Itegeko n° 029/2025 ryo ku wa 20/10/2025 ryerekeye imyishyurire y'indishyi zikomoka ku mpanuka.....	2
Law n° 029/2025 of 20/10/2025 on accident compensation	2
Loi n° 029/2025 du 20/10/2025 portant indemnisation des accidents.....	2

ITEGEKO N° 029/2025 RYO KU WA 20/10/2025 RYEREKEYE IMYISHYURIRE Y'INDISHYI ZIKOMOKA KU MPANUKA <u>ISHAKIRO</u> <u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije <u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura <u>Ingingo ya 3:</u> Abafite uburenganzira ku ndishyi zikomoka ku mpanuka <u>UMUTWE WA II:</u> IBYICIRO BY'INDISHYI ZIKOMOKA KU MPANUKA <u>Ingingo ya 4:</u> Indishyi z'ubwononekare <u>Ingingo ya 5:</u> Indishyi zihabwa umuntu wagize ubumuga budahoraho <u>Ingingo ya 6:</u> Indishyi zihabwa umuntu wagize ubumuga buhoraho	LAW N° 029/2025 OF 20/10/2025 ON ACCIDENT COMPENSATION <u>TABLE OF CONTENTS</u> <u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS <u>Article One:</u> Purpose of this Law <u>Article 2:</u> Interpretation <u>Article 3:</u> Persons entitled to accident compensation <u>CHAPTER II:</u> CATEGORIES OF ACCIDENT COMPENSATION <u>Article 4:</u> Compensation for personal injury <u>Article 5:</u> Compensation paid to a person who has sustained temporary disability <u>Article 6:</u> Compensation paid to a person who has sustained permanent disability	LOI N° 029/2025 DU 20/10/2025 PORTANT INDEMNISATION DES ACCIDENTS <u>TABLE DES MATIÈRES</u> <u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES <u>Article premier :</u> Objet de la présente loi <u>Article 2 :</u> Interprétation <u>Article 3 :</u> Personnes ayant droit à une indemnisation pour accident <u>CHAPITRE II:</u> CATÉGORIES D'INDEMNISATION DES ACCIDENTS <u>Article 4 :</u> Indemnisation pour dommage corporel <u>Article 5 :</u> Indemnisation versée à une personne ayant subi un handicap temporaire <u>Article 6 :</u> Indemnisation versée à une personne ayant subi un handicap permanent
--	---	---

<u>Ingingo ya 7:</u> Indishyi zihabwa ufit uburenganzira bukomoka ku muntu wishwe n'impanuka	<u>Article 7:</u> Compensation paid to the beneficiary of a person who has died as a result of an accident	<u>Article 7 :</u> Indemnisation versée à l'ayant droit d'une personne décédée à la suite d'un accident
<u>Ingingo ya 8:</u> Indishyi zihabwa umuntu wangirijwe umutungo	<u>Article 8:</u> Compensation paid to a person who has sustained property damage	<u>Article 8 :</u> Indemnisation versée à une personne ayant subi un dommage matériel
<u>UMUTWE WA III: INSHINGANO ZO KWISHYURA INDISHYI N'ISIMBURWA MU BURENGANZIRA KU NDISHYI ZIKOMOKA KU MPANUKA</u>	<u>CHAPTER III: RESPONSIBILITIES FOR PAYMENT OF COMPENSATION AND SUBROGATION OF RIGHTS TO ACCIDENT COMPENSATION</u>	<u>CHAPITRE III : RESPONSABILITÉS DE VERSEMENT D'INDEMNISATION ET SUBROGATION DANS LES DROITS À L'INDEMNISATION DES ACCIDENTS</u>
<u>Ingingo ya 9:</u> Inshingano zo kwishyura indishyi zikomoka ku mpanuka	<u>Article 9:</u> Responsibilities for payment of accident compensation	<u>Article 9:</u> Responsabilités de versement d'une indemnisation pour accident
<u>Ingingo ya 10:</u> Isimbura mu burenganzira ku ndishyi zikomoka ku mpanuka	<u>Article 10:</u> Subrogation of rights to accident compensation	<u>Article 10 :</u> Subrogation dans les droits à l'indemnisation pour accident
<u>UMUTWE WA IV: INKOMOKO Y'AMAFARANGA, KUBARA NO KWISHYURA INDISHYI ZIKOMOKA KU MPANUKA</u>	<u>CHAPTER IV: SOURCE OF FUNDS, CALCULATION AND ALLOCATION OF ACCIDENT COMPENSATION</u>	<u>CHAPITRE IV : SOURCE DE FONDS, CALCUL ET ALLOCATION D'UNE INDEMNISATION DES ACCIDENTS</u>
<u>Ingingo ya 11:</u> Inkomoko y'amafaranga yo kwishyura indishyi zikomoka ku mpanuka zitishingiwe	<u>Article 11:</u> Source of funds for payment of compensation for uninsured accidents	<u>Article 11 :</u> Source de fonds pour versement d'une indemnisation pour accidents non assurés
<u>Ingingo ya 12:</u> Kubara no kwishyura indishyi zikomoka ku mpanuka	<u>Article 12:</u> Calculation and payment of accident compensation	<u>Article 12 :</u> Calcul et versement d'une indemnisation pour accident

<u>UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE</u> <u>Ingingo ya 13:</u> Ifatira ry'ikinyabiziga kigendeshwa na moteri cyateje impanuka <u>Ingingo ya 14:</u> Indishyi ku wagize impanuka afite ubwishingizi burenze bumwe <u>Ingingo ya 15:</u> Itegeko rikurikizwa kuri dosiye isaba indishyi itararangira <u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA</u> <u>Ingingo ya 16:</u> Ingingo y'ururimi <u>Ingingo ya 17:</u> Ingingo ivanaho <u>Ingingo ya 18:</u> Gutangira gukurikizwa	<u>CHAPTER V: MISCELLANEOUS PROVISIONS</u> <u>Article 13:</u> Impoundment of a motor vehicle which has caused an accident <u>Article 14:</u> Compensation paid to accident victim with more than one insurance coverage <u>Article 15:</u> Law applicable to pending compensation claim file <u>CHAPTER VI: FINAL PROVISION</u> <u>Article 16:</u> Language provision <u>Article 17:</u> Repealing provision <u>Article 18:</u> Entry into force	<u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS DIVERSES</u> <u>Article 13:</u> Mise en fourrière d'un véhicule à moteur ayant causé un accident <u>Article 14 :</u> Indemnisation de la victime d'un accident disposant de plus d'une couverture d'assurance <u>Article 15 :</u> Loi applicable à un dossier de demande d'indemnisation en suspens <u>CHAPITRE VI : DISPOSITION FINALE</u> <u>Article 16 :</u> Disposition linguistique <u>Article 17 :</u> Disposition abrogatoire <u>Article 18 :</u> Entrée en vigueur
--	--	--

ITEGEKO N° 029/2025 RYO KU WA 20/10/2025 RYEREKEYE IMYISHYURIRE Y'INDISHYI ZIKOMOKA KU MPANUKA Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika; INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA INTEKO ISHINGA AMATEGEKO: Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 17 Nzeri 2025; Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64; Isubiye ku Itegeko n° 41/2001 ryo ku wa 19/09/2001 ryerekeye imyishyurire y'abangirijwe n'impanuka zitewe n'ibinyabiziga bigenzwa na moteri kandi bigenda ku butaka;	LAW N° 029/2025 OF 20/10/2025 ON ACCIDENT COMPENSATION We, KAGAME Paul, President of the Republic; THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA THE PARLIAMENT: The Chamber of Deputies, in its sitting of 17 September 2025; Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Article 64; Having reviewed Law n° 41/2001 of 19/09/2001 relating to the compensation of victims of physical accidents caused by motor vehicles;	LOI N° 029/2025 DU 20/10/2025 PORTANT INDEMNISATION DES ACCIDENTS Nous, KAGAME Paul, Président de la République ; LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA LE PARLEMENT : La Chambre des Députés, en sa séance du 17 septembre 2025 ; Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en son article 64 ; Revu la Loi n° 41/2001 du 19/09/2001 relative à l'indemnisation des victimes d'accidents corporels causés par des véhicules automoteurs ;
--	---	---

Isubiye ku Itegeko n° 26/2011 ryo ku wa 27/07/2011 ryerekeye imyishyurire y'abahohotewe n'inyamaswa; YEMEJE: <u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije Iri tegeko rigenga imyishyurire y'indishyi zikomoka ku mpanuka zishingiwe n'izikomoka ku mpanuka zitishingiwe. <u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura Muri iri tegeko: (a) « amafaranga y'urugendo » bivuga amafaranga yakoreshejwe mu kujya no kuva ku kigo cy'ubuvuzi n'ayakoreshejwe mu kujya no kuva gukurikirana ibijyanye n'indishyi; (b) « ikinyabiziga kigendeshwa na moteri kidafite umwishingizi uzwi » kirimo ikinyabiziga kitamenyekanye, ikidafite ubwishingizi butegatswe	Having reviewed Law n° 26/2011 of 27/07/2011 on compensation for damages caused by animals; ADOPTS: <u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS <u>Article One:</u> Purpose of this Law This Law governs compensation for insured and uninsured accidents. <u>Article 2:</u> Interpretation In this Law: (a) “transport fees” means travel fees to and from a health facility and return journey expenses incurred in connection with the pursuit of compensation-related matters; (b) “motor vehicle without a known insurer” includes a vehicle which has not been identified, is not covered by compulsory third-party liability	Revu la Loi n° 26/2011 du 27/07/2011 portant indemnisation des préjudices causés par des animaux ; ADOpte : <u>CHAPITRE PREMIER :</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES <u>Article premier :</u> Objet de la présente loi La présente loi régit l'indemnisation des accidents assurés et des accidents non assurés. <u>Article 2 :</u> Interprétation Dans la présente loi : (a) « frais de transport » signifie les frais de déplacement vers et depuis un établissement de santé ainsi que les frais de voyages aller-retour dans le cadre des démarches de suivi des questions liées à l'indemnisation ; (b) « véhicule à moteur sans assureur connu » comprend un véhicule qui n'a pas été identifié, qui n'est pas couvert par une assurance
---	---	---

bw'uburyozwe, icyibwe, icyambuwe nyiracyo ku ngufu, umuyobozi wacyo cyangwa ugifiteho uburenganzira;	insurance, has been stolen or has been forcibly taken from its owner, driver or any person entitled to it;	responsabilité civile obligatoire, qui a été volé ou enlevé de force de son propriétaire, de son conducteur ou d'une personne y ayant droit ;
(c) « impanuka » bivuga ibyago bibaye mu buryo butunguranye kandi butateguwe, bitewe n'ikinyabiziga kigendeshwa na moteri cyangwa n'inyamaswa, bigatera ubwononekare cyangwa igihombo ku muntu;	(c) “accident” means an unforeseen and unintentional unfortunate event caused by a motor vehicle or an animal, which results in personal injury or a loss sustained by a person;	(c) « accident » signifie un événement malheureux imprévu et non intentionnel, causé par un véhicule à moteur ou par un animal, entraînant un dommage corporel ou une perte subis par une personne ;
(d) « impanuka itishingiwe » bivuga impanuka yatewe n'ikinyabiziga kigendeshwa na moteri kidafite umwishingizi uzwi cyangwa iyatewe n'inyamaswa;	(d) “uninsured accident” means an accident caused by a motor vehicle without a known insurer or by an animal;	(d) « accident non assuré » signifie un accident causé par un véhicule à moteur sans assureur connu ou par un animal ;
(e) « impanuka yishingiwe » bivuga impanuka yatewe n'ikinyabiziga kigendeshwa na moteri gifite umwishingizi uzwi;	(e) “insured accident” means an accident caused by a motor vehicle with a known insurer;	(e) « accident assuré » signifie un accident causé par un véhicule à moteur ayant un assureur connu ;
(f) « indishyi nsimburagihombo » bivuga indishyi zishyurwa kubera igihombo cyatewe n'impanuka;	(f) “compensation for financial loss” means compensation paid as a result of a loss arising from an accident;	(f) « indemnisation pour perte financière » signifie une indemnisation versée à la suite d'une perte résultant d'un accident ;
(g) «indishyi z'impozamarira » bivuga indishyi zihabwa umuryango w'umuntu wishwe n'impanuka;	(g) “compensation for moral damage” means compensation paid to the family of a person who has died as a result of an accident;	(g) « indemnisation pour préjudice moral » signifie une indemnisation versée à la famille d'une personne décédée à la suite d'un accident ;

(h) « indishyi z’ubwononekare » bivuga indishyi zihabwa umuntu kubera ubwononekare yatewe n’impanuka; (i) « inyamaswa » bivuga inyamaswa yo mu gasozi iba muri pariki y’Igihugu cyangwa ahandi hantu hakomye, cyangwa iri ku rutonde rushyirwaho n’urwego rubifitiye ububasha; (j) « Minisitiri » bivuga Minisitiri ufite imyishyurire y’indishyi zikomoka ku mpanuka mu nshingano; (k) « ubumuga budahoraho » bivuga kwangirika k’umubiri cyangwa ihungabana ry’igihe gito byemejwe na muganga ubifitiye ubushobozi bibuza umuntu gukora akazi ku buryo budahoraho bigatuma adahabwa umushahara wose cyangwa igice cyawo, ibindi agenerwa byose cyangwa igice cyabyo, umusaruro uturuka ku mwuga cyangwa igihembo cy’akazi, byose cyangwa igice cyabyo; (l) « ubumuga buhoraho » bivuga ubumuga bw’umubiri cyangwa bwo mu mutwe bibuza umuntu gukora akazi ku buryo bwa burundu ku kigero	(h) “compensation for personal injury” means compensation paid to a person for personal injury sustained by him or her as a result of an accident; (i) “animal” means a wild animal inhabiting a national park or any other protected area, or included on a list established by the competent authority; (j) “Minister” means the Minister in charge of accident compensation; (k) “temporary disability” means physical damage or psychological trauma of a temporary nature-certified by a qualified medical doctor, which temporarily renders a person unable to work, and results in a total or partial loss of salary, fringe benefits, professional income or work earnings; (l) “permanent disability” means a physical or mental disability which permanently renders a person unable to work, at a rating determined by a	(h) « indemnisation pour dommage corporel » signifie une indemnisation versée à une personne pour un dommage corporel subi par elle à la suite d’un accident ; (i) « animal » signifie un animal sauvage vivant dans un parc national ou dans toute autre aire protégée, ou figurant sur une liste établie par l’autorité compétente ; (j) « Ministre » signifie le Ministre ayant l’indemnisation des accidents dans ses attributions ; (k) « handicap temporaire » signifie un dommage physique ou un traumatisme psychologique temporaire constaté par un médecin qualifié ayant pour effet d’empêcher temporairement une personne de travailler et entraînant une perte totale ou partielle de salaire, d’avantages, de revenus professionnels ou de revenus du travail ; (l) « handicap permanent » signifie un handicap physique ou mental ayant pour effet d’empêcher, de façon permanente, une personne de
--	---	--

kigenwa n'umuganga ubifitiye ubushobozi; (m) « umuganga ubifitiye ubushobozi » bivuga umuganga wemejwe n'urwego rubifitiye ububasha kugira ngo atange serivisi y'inyongera yo kugena igipimo cy'ubumuga; (n) « umuntu » bivuga umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzima gatozi; (o) « umuryango » bivuga uwashyingiranywe n'uwishwe n'impanuka, abana be, abo bavukana n'ababyeyi be; (p) « umwishingizi » bivuga ikigo gikora umwuga w'ubwishingizi; (q) « urwego rwishyura indishyi » bivuga urwego rushinzwe kwishyura indishyi zikomoka ku mpanuka itishingiye. <u>Ingingo ya 3:</u> Abafite uburenganzira ku ndishyi zikomoka ku mpanuka (1) Abantu bafite uburenganzira ku ndishyi zikomoka ku mpanuka ni aba bakurikira:	qualified medical doctor; (m) “qualified medical doctor” means a medical doctor authorised by the competent organ to provide the additional service of performing the assessment of disability rate; (n) “person” means a natural or legal person; (o) “family” means, in relation to a person who has died as a result of an accident, his or her spouse, children, siblings and parents; (p) “insurer” means an insurance entity; (q) “compensation authority” means the organ in charge of payment of compensation for uninsured accident. <u>Article 3:</u> Persons entitled to accident compensation (1) The persons entitled to accident compensation are the following:	travailler, à un taux déterminé par un médecin qualifié ; (m) « médecin qualifié » signifie un médecin autorisé par l'organe compétent à assurer le service additionnel consistant à effectuer l'évaluation d'un taux de handicap ; (n) « personne » signifie une personne physique ou morale ; (o) « famille » signifie, relativement à une personne décédée à la suite d'un accident, son conjoint ainsi que ses enfants, frères et sœurs et parents ; (p) « assureur » signifie une entité d'assurance ; (q) « autorité d'indemnisation » signifie l'organe chargé du versement de l'indemnisation pour un accidents non assuré. <u>Article 3 :</u> Personnes ayant droit à une indemnisation pour accident (1) Les personnes ayant droit à une indemnisation pour accident sont les suivantes :
--	--	---

(a) umuntu ufite uburenganzira bukomoka ku wishwe n'impanuka yishingiwe;	(a) the beneficiary of a person who has died as a result of an insured accident;	(a) l'ayant droit d'une personne décédée à la suite d'un accident assuré ;
(b) umuntu wakomerekejwe cyangwa uwangirijwe ibye n'impanuka yishingiwe;	(b) a person who has been injured or sustained property damage as a result of an insured accident;	(b) une personne ayant été blessée ou subi un dommage matériel à la suite d'un accident assuré ;
(c) umuntu ufite uburenganzira bukomoka ku wishwe n'impanuka itishingiwe;	(c) the beneficiary of a person who has died as a result of an uninsured accident;	(c) l'ayant droit d'une personne décédée à la suite d'un accident non assuré ;
(d) umuntu wakomerekejwe cyangwa uwangirijwe ibye n'impanuka itishingiwe;	(d) a person who has been injured or sustained property damage as a result of an uninsured accident;	(d) une personne ayant été blessée ou subi un dommage matériel à la suite d'un accident non assuré ;
(e) umuntu ufite uburenganzira bukomoka ku wishwe n'inyamaswa ahuriye na yo muri pariki y'Igihugu cyangwa ahandi hantu hakomye ari mu kazi cyangwa ahasura mu buryo bwemewe n'urwego rubifitiye ububasha;	(e) the beneficiary of a person killed by an animal encountered within a national park or any other protected area in the course of his or her work or visit recognised by the competent authority;	(e) l'ayant droit d'une personne tuée par un animal rencontré dans un parc national ou dans toute autre aire protégée au cours de son travail ou de sa visite reconnu par l'autorité compétente ;
(f) umuntu wakomerekejwe n'inyamaswa ahuriye na yo muri pariki y'Igihugu cyangwa ahandi hantu hakomye ari mu kazi cyangwa ahasura mu buryo bwemewe n'urwego rubifitiye ububasha;	(f) a person who has been injured by an animal encountered within a national park or any other protected area, whether in the course of his or her work or visit recognised by the competent authority;	(f) une personne blessée par un animal rencontré dans un parc national ou dans toute autre aire protégée, au cours de son travail ou de sa visite reconnu par l'autorité compétente ;
(g) umuntu ufite uburenganzira bukomoka ku wishwe n'inyamaswa ahuriye na yo hanze ya pariki y'Igihugu cyangwa	(g) the beneficiary of a person killed by an animal encountered outside a national park or outside any other protected	(g) l'ayant droit d'une personne tuée par un animal rencontré en dehors d'un parc national ou de toute autre aire

hanze y'ahandi hantu hakomye; (h) umuntu wakomerekejwe n'inyamaswa ahuriye na yo hanze ya pariki y'Igihugu cyangwa hanze y'ahandi hantu hakomye; (i) umuntu wangirijwe ibye n'inyamaswa. (2) Iteka rya Minisitiri ufite ibidukikije mu nshingano rigena urutonde rw'inyamaswa ziba hanze ya pariki y'Igihugu cyangwa hanze y'ahandi hantu hakomye zishyurirwa indishyi z'ibyo zangije. UMUTWE WA II: IBYICIRO BY'INDISHYI ZIKOMOKA KU MPANUKA <u>Ingingo ya 4: Indishyi z'ubwononekare</u> (1) Umuntu wagize ubwononekare ahabwa indishyi mu buryo bukurikira: (a) kuvuzwa cyangwa gusubizwa amafaranga yatanze yivuzwa n'ayo yaguze imiti kubera uburwayi bukomoka ku mpanuka;	area; (h) a person who has been injured by an animal encountered outside a national park or outside any other protected area; (i) a person who has sustained property damage caused by an animal. (2) An Order of the Minister in charge of the environment determines the list of animals living outside national parks or outside other protected area which cause compensable damages. CHAPTER II: CATEGORIES OF ACCIDENT COMPENSATION <u>Article 4: Compensation for personal injury</u> (1) A person who has sustained personal injury is entitled to compensation as follows: (a) coverage of his or her medical treatment or reimbursement of his or her medical and pharmaceutical expenses incurred due to a health condition resulting from an accident;	protégée ; (h) une personne blessée par un animal rencontré en dehors d'un parc national ou de toute autre aire protégée ; (i) une personne ayant subi un dommage matériel causé par un animal. (2) Un arrêté du Ministre ayant l'environnement dans ses attributions détermine la liste d'animaux vivant en dehors d'un parc national ou de toute autre aire protégée dont les dommages sont indemnisables. CHAPITRE II: CATÉGORIES D'INDEMNISATION DES ACCIDENTS <u>Article 4 : Indemnisation pour dommage corporel</u> (1) Une personne ayant subi un dommage corporel bénéficie d'une indemnisation comme suit : (a) sa prise en charge médicale ou remboursement de ses frais médicaux et pharmaceutiques engagés du fait de sa condition médicale résultant d'un accident ;
---	--	---

(b) kwishyurirwa cyangwa gusubizwa amafaranga y'urugendo; (c) kwishyurirwa cyangwa gusubizwa amafaranga yatanze yitoza gusubira uko yari ameze mbere n'ayo kongera kwitoza umwuga we; (d) kwishyurirwa cyangwa gusubizwa amafaranga yo kugura amenyo y'amakorano, insimburangingo cyangwa inyunganirangingo; (e) gusubizwa andi mafaranga yatanzwe n'uwagize ubwononekare cyangwa n'undi muntu wamwitagaho. (2) Amafaranga asubizwa umuntu wagize ubwononekare avugwa muri iyi ngingo ni amafaranga yagaragarijwe inyemezabuguzi ikozwe mu buryo bw'ikoranabuhanga bwemewe n'amategeko agenga uburyo bw'isoresha. Icyakora, amafaranga atagaragarizwa inyemezabuguzi ikozwe mu buryo bw'ikoranabuhanga bwemewe n'amategeko agenga uburyo bw'isoresha yumvikanwaho kandi agashyirwa ku kigero gikwiye n'impande zombi hagendewe ku biciro biri ku isoko.	(b) coverage or reimbursement of his or her transport fees; (c) coverage or reimbursement of his or her expenses incurred for personal and professional rehabilitation; (d) coverage or reimbursement of his or her expenses incurred for the purchase of dental prostheses, orthopaedic prostheses or orthoses; (e) reimbursement of other expenses incurred by the person who has sustained personal injury or any other person who served as his or her caregiver. (2) The reimbursable amount referred to in this Article in favour of a person who has sustained personal injury is limited to an amount supported by an invoice issued through an electronic invoicing system recognised under tax procedures laws. However, any amount not supported by an invoice issued through an electronic invoicing system recognised under tax procedures laws is mutually agreed upon and set by both parties at a reasonable rate based on prevailing market prices.	(b) prise en charge ou remboursement de ses frais de transport ; (c) prise en charge ou remboursement de ses frais engagés pour réadaptation personnelle et professionnelle ; (d) prise en charge ou remboursement de ses frais engagés pour l'achat de prothèses dentaires, de prothèses orthopédiques ou d'orthèses ; (e) prise en charge d'autres frais encourus par la personne ayant subi un dommage corporel ou par toute autre personne qui agissait en qualité d'aidant de cette dernière. (2) Le montant remboursable visé au présent article en faveur d'une personne ayant subi un dommage corporel est celui justifié par une facture émise au moyen d'un système de facturation électronique reconnu par la législation en matière de procédures fiscales. Toutefois, tout montant non justifié par une facture émise au moyen d'un système de facturation électronique reconnu par la législation en matière de procédures fiscales est convenu et fixé à un taux raisonnable par les deux parties selon les prix en vigueur sur le marché.
--	---	--

(3) Irangira ry'igihe cyo kwivuza ku muntu wagize ubwononekare rigenwa n'umuganga wemewe na Leta.	(3) The end of the medical treatment period for a person who has sustained personal injury is determined by a recognised medical doctor.	(3) La fin de la période de traitement médical pour une personne ayant subi un dommage corporel est déterminée par un médecin agréé.
<u>Ingingo ya 5:</u> Indishyi zihabwa umuntu wagize ubumuga budahoraho	<u>Article 5:</u> Compensation paid to a person who has sustained temporary disability	<u>Article 5 :</u> Indemnisation versée à une personne ayant subi un handicap temporaire
(1) Umuntu wagize ubumuga budahoraho ahabwa amafaranga y'indishyi asimburwa umusaruro wose cyangwa igice cyawo atabonye bitewe no guhagarika akazi.	(1) A person who has sustained a temporary disability is entitled to monetary compensation to offset the total or partial loss of his or her income arising from work suspension.	(1) Une personne ayant subi un handicap temporaire bénéficie d'une indemnisation pécuniaire compensatoire de la perte totale ou partielle de ses revenus résultant de la suspension du travail.
(2) Amafaranga y'indishyi ahabwa umuntu wagize ubumuga budahoraho abarwa uhereye ku muni yahagarikiyeho gukora akazi kugeza ku muni yagaruriyeho ubushobozi bwo gukora akazi wemezwa n'umuganga wemewe na Leta.	(2) Monetary compensation paid to a person who has sustained a temporary disability is calculated from the date of suspension of his or her work until the date of restoration of his or her capacity to work as determined by a recognised medical doctor.	(2) L'indemnisation pécuniaire versée à une personne ayant subi un handicap temporaire est calculée à compter de la date de suspension de son travail jusqu'à la date de récupération de sa capacité de travail, laquelle date est déterminée par un médecin agréé.
<u>Ingingo ya 6:</u> Indishyi zihabwa umuntu wagize ubumuga buhoraho	<u>Article 6:</u> Compensation paid to a person who has sustained permanent disability	<u>Article 6 :</u> Indemnisation versée à une personne ayant subi un handicap permanent
(1) Umuntu wagize ubumuga buhoraho ahabwa indishyi zikurikira:	(1) A person who has sustained a permanent disability receives the following compensation:	(1) Une personne ayant subi un handicap permanent bénéficie des indemnités suivantes :

(a) indishyi nsimburagihombo cyangwa iz'ibyo yari kuzunguka; (b) indishyi z'impozamarira z'ububabare; (c) indishyi z'ubusembwa ku mubiri; (d) indishyi zo gutakaza amahirwe yo gushaka; (e) indishyi zo gutakaza amahirwe y'akazi. (2) Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano rishyiraho ibikurikizwa mu kugena igipimo cy'ubumuga mu Rwanda. <u>Ingingo ya 7: Indishyi zihabwa ufite uburenganzira bukomoka ku muntu wishwe n'impanuka</u> Ufite uburenganzira bukomoka ku muntu wishwe n'impanuka ahabwa indishyi zikurikira: (a) indishyi z'amafaranga yishyuwe mu mihango yo gushyingura;	(a) compensation for economic loss or loss of future earnings; (b) compensation for pain and suffering; (c) compensation for aesthetic damage; (d) compensation for the loss of opportunity to marry; (e) compensation for loss of career opportunities. (2) An Order of the Minister in charge of health determines the disability rating scale in Rwanda. <u>Article 7: Compensation paid to the beneficiary of a person who has died as a result of an accident</u> The beneficiary of a person who has died as a result of an accident receives the following compensation: (a) compensation for funeral expenses;	(a) indemnisation pour perte économique ou perte de gains futurs ; (b) indemnisation pour douleur et souffrance ; (c) indemnisation pour préjudice esthétique ; (d) indemnisation pour perte de chance de pouvoir se marier ; (e) indemnisation pour perte d'opportunités de carrière. (2) Un arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions détermine le barème d'évaluation des taux de handicap au Rwanda. <u>Article 7 : Indemnisation versée à l'ayant droit d'une personne décédée à la suite d'un accident</u> L'ayant droit d'une personne décédée à la suite d'un accident bénéficie des indemnisations suivantes : (a) indemnisation pour frais funéraires ;
--	--	---

(b) indishyi nsimburagihombo cyangwa iz'ibyo umuntu wishwe n'impanuka yari kuzunguka; (c) indishyi z'impozamarira. <u>Ingingo ya 8:</u> Indishyi zihabwa umuntu wangirijwe umutungo Urwego rwishyura indishyi cyangwa umwishingizi bishyura uwangirijwe umutungo indishyi zingana n'ibyo yangirijwe. <u>UMUTWE WA III: INSHINGANO ZO KWISHYURA INDISHYI N'ISIMBURWA MU BURENGANZIRA KU NDISHYI ZIKOMOKA KU MPANUKA</u> <u>Ingingo ya 9:</u> Inshingano zo kwishyura indishyi zikomoka ku mpanuka (1) Impanuka zishingiwe zishyurwa n'umwishingizi bireba. (2) Impanuka zitishingiwe zishyurwa n'urwego rwishyura indishyi. Icyakora, urwego rwishyura indishyi ntirwishyura indishyi uwangirijwe n'impanuka	(b) compensation for economic loss or loss of future earnings of the person who has died as a result of an accident; and (c) compensation for moral damage. <u>Article 8:</u> Compensation paid to a person who has sustained property damage The compensation authority or insurer pays a person who has sustained property damage an amount of compensation equal to the damages sustained. <u>CHAPTER III: RESPONSIBILITIES FOR PAYMENT OF COMPENSATION AND SUBROGATION OF RIGHTS TO ACCIDENT COMPENSATION</u> <u>Article 9:</u> Responsibilities for payment of accident compensation (1) Compensation for insured accidents is paid by the relevant insurer. (2) Compensation for uninsured accidents is paid by the compensation authority. However, the compensation authority does not pay compensation to the victim of an	(b) indemnisation pour perte économique ou perte de gains futurs d'une personne décédée à la suite d'un accident ; et (c) indemnisation pour préjudice moral. <u>Article 8 :</u> Indemnisation versée à une personne ayant subi un dommage matériel L'autorité d'indemnisation ou l'assureur verse à une personne ayant subi un dommage matériel une indemnisation d'un montant égal aux dommages subis. <u>CHAPITRE III : RESPONSABILITÉS DE VERSEMENT D'INDEMNISATION ET SUBROGATION DANS LES DROITS À L'INDEMNISATION DES ACCIDENTS</u> <u>Article 9 :</u> Responsabilités de versement d'une indemnisation pour accident (1) Le versement d'une indemnisation pour les accidents assurés incombe à l'assureur concerné. (2) Le versement d'une indemnisation pour les accidents non assurés incombe à l'autorité d'indemnisation. Toutefois, l'autorité d'indemnisation ne verse
--	--	---

itishingiwe iyo – (a) ibaye ntimenyeshwe urwego rufite kugenza ibyaha byo mu muhanda mu nshingano cyangwa ubuyobozi bw’umurenge w’aho yabereye mu gihe cy’iminsi irindwi ibarwa uherye ku munsu ukurikira uwo impanuka yabereyeho cyangwa ukurikira uwo usaba indishyi yamenyeyeho impanuka; (b) yatejwe n’inyamaswa ikamenyeshwa urwego rwishyura indishyi nyuma y’amezi abiri abarwa uherye ku munsu impanuka yabereyeho; (c) cyangwa yatejwe n’ikinyabiziga kigendeshwa na moteri ikamenyeshwa urwego rwishyura indishyi nyuma y’imyaka ibiri ibarwa uherye ku munsu impanuka yabereyeho. (3) Iyo habaye impamvu itunguranye kandi ntarengwa, Urwego rwishyura indishyi rwishyura indishyi ku mpanuka itishingiwe rutitaye ku biteganywa mu gika cya (2).	uninsured accident, if the accident – (a) is not reported to the organ in charge of investigation of traffic offences or to the administration of the sector of the place of occurrence thereof within seven days of its occurrence or of the compensation claimant becoming aware thereof; (b) is caused by an animal and reported to the compensation authority after the expiry of a period of two months from the date of occurrence thereof; or (c) is caused by a motor vehicle and reported to the compensation authority after the expiry of a period of two years from the date of occurrence thereof. (3) In the event of force majeure, the compensation authority pays compensation for an uninsured accident notwithstanding the provisions of Paragraph (2).	aucune indemnisation à la victime d’un accident non assuré si cet accident– (a) n’est pas déclaré à l’organe ayant l’enquête sur les infractions routières dans ses attributions et à l’administration du secteur du lieu de sa survenance dans les sept jours à compter de sa survenance ou de sa connaissance par le demandeur d’indemnisation ; (b) est causé par un animal et déclaré à l’autorité d’indemnisation après l’expiration d’un délai de deux mois à compter de la date de sa survenance ; ou (c) est causé par un véhicule à moteur et déclaré à l’autorité d’indemnisation après l’expiration d’un délai de deux ans à compter de la date de sa survenance. (3) En cas de force majeure, l’autorité d’indemnisation verse une indemnisation pour un accident non assuré, nonobstant les dispositions du paragraphe (2).
---	---	---

<u>Ingingo ya 10:</u> Isimburwa mu burenganzira ku ndishyi zikomoka ku mpanuka (1) Umwishingizi cyangwa urwego rwishyura indishyi bishyuye uwangirijwe n'impanuka bimusimbura mu burenganzira yari afite ku wateje impanuka. (2) Nyir'ikinyabiziga kigendeshwa na moteri cyateje impanuka cyangwa umwishingizi we yishyura umwishingizi cyangwa urwego rwishyura indishyi zingana n'umubare yishyuye.	<u>Article 10:</u> Subrogation of rights to accident compensation (1) The insurer or compensation authority that pays compensation to an accident victim is subrogated to the victim's rights against the person responsible for the accident. (2) The owner of a motor vehicle which has caused an accident or his or her insurer reimburses the insurer or compensation authority for an amount equal to the compensation paid by the insurer or authority.	<u>Article 10 :</u> Subrogation dans les droits à l'indemnisation pour accident (1) L'assureur ou l'autorité d'indemnisation qui verse une indemnisation à la victime d'un accident sont subrogés dans les droits de cette dernière à l'encontre de la personne responsable de l'accident. (2) Le propriétaire d'un véhicule à moteur ayant causé un accident ou son assureur rembourse à l'assureur ou à l'autorité d'indemnisation un montant égal à l'indemnisation versée par cet assureur ou cette autorité.
<u>UMUTWE WA IV:</u> INKOMOKO Y'AMAFARANGA YO KWISHYURA INDISHYI, KUBARA NO KWISHYURA INDISHYI ZIKOMOKA KU MPANUKA	<u>CHAPTER IV:</u> SOURCE OF FUNDS FOR PAYMENT OF COMPENSATION, CALCULATION AND ALLOCATION OF ACCIDENT COMPENSATION	<u>CHAPITRE IV :</u> SOURCE DE FONDS POUR VERSEMENT D'UNE INDEMNISATION, CALCUL ET ALLOCATION D'UNE INDEMNISATION DES ACCIDENTS
<u>Ingingo ya 11:</u> Inkomoko y'amafaranga yo kwishyura indishyi zikomoka ku mpanuka zitishingiwe (1) Amafaranga yo kwishyura indishyi zikomoka ku mpanuka zitishingiwe akomoka aha hakurikira: (a) 10% by'amafaranga atangwa ku bwishingizi butegetswe ku buryozwe	<u>Article 11:</u> Source of funds for payment of compensation for uninsured accidents (1) Funds for compensation for uninsured accidents come from the following sources: (a) 10% of insurance premiums paid for compulsory motor vehicles third-party	<u>Article 11 :</u> Source de fonds pour versement d'une indemnisation pour accidents non assurés (1) Les fonds d'indemnisation pour les accidents non assurés proviennent des sources suivantes : (a) 10% des primes d'assurance responsabilité civile obligatoire des

bw'ibinyabiziga bigendeshwa na moteri; (b) 5% by'imbumbe y'umwaka urwego rufite ubukerarugendo mu nshingano rukura mu bikorwa by'ubukerarugendo bikorerwa muri pariki y'Igihugu cyangwa ahandi hantu hakomye. (2) Iteka rya Minisitiri rigena uburyo imisanzu igenewe urwego rwishyura indishyi imenyekanishwa, yakirwa n'uko igenzurwa. <u>Ingingo ya 12:</u> Kubara no kwishyura indishyi zikomoka ku mpanuka (1) Indishyi zikomoka ku mpanuka zishyurwa hagendewe ku byangijwe n'impanuka no ku musaruro w'uwangirijwe n'impanuka. (2) Iyo uwangirijwe n'impanuka cyangwa ufite uburenganzira bumukomokaho adashobora kugaragaza umusaruro nyakuri uwangirijwe n'impanuka yabonaga mbere y'impanuka, indishyi zikomoka ku mpanuka zishyurwa zibarwa haherewe ku FRW 3000 ku munsu.	liability insurance; (b) 5% of the gross annual revenues received by the organ in charge of tourism from tourism activities conducted in a national park or any other protected area. (2) An Order of the Minister determines procedures for the declaration, collection and verification of contributions to the compensation authority. <u>Article 12:</u> Calculation and payment of accident compensation (1) Accident compensation is paid having regard to both the extent of the damage caused by the accident and the accident victim's income. (2) When an accident victim or his or her beneficiary is unable to provide evidence of the victim's actual pre-accident income, accident compensation paid is calculated at the rate of FRW 3,000 per day.	véhicules à moteur; (b) 5% des revenus bruts annuels que l'organe ayant le tourisme dans ses attributions tire des activités touristiques menées dans un parc national ou toute autre aire protégée. (2) Un Arrêté du Ministre détermine les modalités de déclaration, de recouvrement et de vérification des contributions destinées à l'autorité d'indemnisation. <u>Article 12 :</u> Calcul et versement d'une indemnisation pour accident (1) Le versement d'une indemnisation pour accident se fait en tenant compte à la fois de l'ampleur du dommage causé par l'accident et des revenus de la victime de l'accident. (2) Lorsque la victime d'un accident ou son ayant droit n'est pas en mesure de fournir la preuve des revenus réels que la victime gagnait avant l'accident, l'indemnisation pour accident versée est calculée au taux de 3.000 FRW par jour.
--	---	--

(3) Iteka rya Minisitiri rishobora kongera ingano y'igipimo gishingirwaho mu kubara indishyi zikomoka ku mpanuka zishyurwa ku muni zivugwa mu gika cya (2). (4) Iteka rya Minisitiri rigena ibipimo, uburyo bwo kubara, ibisabwa n'ibikurikizwa mu kwishyura indishyi zikomoka ku mpanuka.	(3) An Order of the Minister may increase the base rate used in the calculation of accident compensation paid based on a daily rate as referred to in Paragraph (2). (4) An Order of the Minister determines the rates, calculation methods, requirements and criteria applicable to the payment of accident compensation.	(3) Arrêté du Ministre peut majorer le taux de base servant au calcul de l'indemnisation des pour accidents versée sur la base du taux journalier et visée au paragraphe (2). (4) Un arrêté du Ministre détermine les taux, les modalités de calcul, les conditions requises et les critères applicables au versement de l'indemnisation pour accident.
UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE	CHAPTER V: MISCELLANEOUS PROVISIONS	CHAPITRE V: DISPOSITIONS DIVERSES
<u>Ingingo ya 13:</u> Ifatira ry'ikinyabiziga kigendeshwa na moteri cyateje impanuka	<u>Article 13:</u> Impoundment of a motor vehicle which has caused an accident	<u>Article 13:</u> Mise en fourrière d'un véhicule à moteur ayant causé un accident
Iyo habaye impanuka itejwe n'ikinyabiziga kigendeshwa na moteri kidafite umwishingizi uzwi, inzego zibishinzwe zifatira icyo kinyabiziga kugeza igihe nyiracyo yishyuriye urwego rwishyura indishyi ubwishyu bwose bwatanze kuri dosiye isaba indishyi n'ikiguzi cy'ifatira.	When a motor vehicle without a known insurer, the relevant organs impound the motor vehicle until such time as the owner thereof reimburses the compensation authority for all amounts paid by it in connection with the relevant compensation claim file together with impoundment fee.	Lorsqu'un véhicule à moteur sans assureur connu cause un accident, les organes compétents procèdent à sa mise en fourrière jusqu'au remboursement par son propriétaire à l'autorité d'indemnisation de l'intégralité des sommes versées par cette dernière au titre du dossier de demande d'indemnisation concerné ainsi que les frais de mise en fourrière.

<u>Ingingo ya 14:</u> Indishyi ku wagize impanuka afite ubwishingizi burenze bumwe (1) Uwagize impanuka afite ubwishingizi burenze bumwe yishyurwa indishyi hakurikijwe amategeko abigenga, akishyurwa kandi n'umwishingizi we hakurikijwe amasezerano bagiranye. (2) Uwagize impanuka y'akazi afite ubwishingizi bw'urwego rufite ubwishingizi bw'ibyago bikomoka ku kazi mu nshingano afite n'ubundi bwishingizi, yishyurwa indishyi hakurikijwe amategeko abigenga, akishyurwa kandi n'undi mwishingizi we hakurikijwe amasezerano bagiranye. (3) Iyo uwagize impanuka y'akazi agomba kwishyurwa indishyi n'urwego rwishyura indishyi, urwo rwego rwishyura gusa indishyi ziteganywa n'iri tegeko zitishyurwa n'urwego rufite ubwishingizi bw'ibyago bikomoka ku kazi mu nshingano.	<u>Article 14:</u> Compensation paid to accident victim with more than one insurance coverage (1) An accident victim with more than one insurance coverage receives compensation under relevant laws and, in addition, receives compensation from his or her insurer under their insurance contract. (2) When an occupational accident victim who has insurance coverage from the organ in charge of occupational hazard insurance holds another insurance coverage, he or she receives compensation under relevant laws and, in addition, receives compensation from his or her other insurer under their insurance contract. (3) When an occupational accident victim is to receive compensation from the compensation authority, the latter only pays such compensation as is provided for by this law and not paid by the organ in charge of occupational hazard insurance.	<u>Article 14 :</u> Indemnisation de la victime d'un accident disposant de plus d'une couverture d'assurance (1) La victime d'un accident disposant de plus d'une couverture d'assurance bénéficie à la fois d'une indemnisation en application de la législation en la matière et d'une indemnisation de la part de son assureur en application de leur contrat d'assurance. (2) Lorsque la victime d'un accident professionnel dispose d'une couverture d'assurance auprès de l'organe ayant l'assurance risques professionnels dans ses attributions dispose d'une autre couverture d'assurance, elle bénéficie à la fois d'une indemnisation en application de la législation en la matière et d'une indemnisation de la part de l'autre assureur en application de leur contrat d'assurance. (3) Lorsqu'une victime d'un accident professionnel doit bénéficier d'une indemnisation de la part de l'autorité d'indemnisation, cette dernière ne verse que l'indemnisation prévue par la présente loi et non versée par l'organe ayant l'assurance risques professionnels dans ses attributions.
---	--	---

(4) Umwishingizi cyangwa urwego rufite ubwishingizi bw'ibyago bikomoka ku kazi mu nshingano bishyura uwagize impanuka y'akazi indishyi iyo impanuka y'akazi yatejwe n'ikinyabiziga cyishingiwe.	(4) The insurer or organ in charge of occupational hazard insurance pays compensation to an occupational accident victim when such an occupational accident is caused by an insured motor vehicle.	(4) L'assureur ou l'organe ayant l'assurance risques professionnels dans ses attributions verse une indemnisation à la victime d'un accident professionnel lorsque ce dernier est causé par un véhicule à moteur assuré.
<u>Ingingo ya 15: Itegeko rikurikizwa kuri dosiye isaba indishyi itararangira</u>	<u>Article 15: Law applicable to pending compensation claim file</u>	<u>Article 15 : Loi applicable à un dossier de demande d'indemnisation en suspens</u>
Idosiye isaba indishyi yakiriwe n'umwishingizi cyangwa urwego rwishyura indishyi mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa, isuzumwa mu gihe cy'amezi atandatu hakurikijwe –	A compensation claim file received by the insurer or the compensation authority before the entry into force of this Law, is processed within a period of six months in accordance with –	Un dossier de demande d'indemnisation reçu par l'assureur ou l'autorité d'indemnisation avant l'entrée en vigueur de la présente loi, est traité dans un délai de six mois conformément à –
(a) Itegeko n° 41/2001 ryo ku wa 19/09/2001 ryerekeye imyishyurire y'abangirijwe n'impanuka zitewe n'ibinyabiziga bigenzwa na moteri kandi bigenda ku butaka;	(a) Law n° 41/2001 of 19/09/2001 relating to the compensation of victims of physical accidents caused by motor vehicles; or	(a) la Loi n° 41/2001 du 19/09/2001 relative à l'indemnisation des victimes d'accidents corporels causés par les véhicules automoteurs ; ou
(b) cyangwa itegeko n° 26/2011 ryo ku wa 27/07/2011 ryerekeye imyishyurire y'abahohotewe n'inyamaswa.	(b) Law n° 26/2011 of 27/07/2011 on compensation for damages caused by animals.	(b) à la Loi n° 26/2011 du 27/07/2011 portant indemnisation des préjudices causés par des animaux.
<u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA</u>	<u>CHAPTER VI: FINAL PROVISION</u>	<u>CHAPITRE VI : DISPOSITION FINALE</u>
<u>Ingingo ya 16: Ingingo y'ururimi</u>	<u>Article 16: Language provision</u>	<u>Article 16 : Disposition linguistique</u>
Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.	This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.	La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.

<u>Ingingo ya 17: Ingingo ivanaho</u> Amategeko akurikira avanyeho: (a) Itegeko n° 41/2001 ryo ku wa 19/09/2001 ryerekeye imyishyurire y'abangirijwe n'impanuka zitewe n'ibinyabiziga bigenzwa na moteri kandi bigenda ku butaka; (b) n'Itegeko n° 26/2011 ryo ku wa 27/07/2011 ryerekeye imyishyurire y'abahohotewe n'inyamaswa.	<u>Article 17: Repealing provision</u> The following Laws are repealed: (a) Law n° 41/2001 of 19/09/2001 relating to the compensation of victims of physical accidents caused by motor vehicles; and (b) Law n° 26/2011 of 27/07/2011 on compensation for damages caused by animals.	<u>Article 17 : Disposition abrogatoire</u> Les lois suivantes sont abrogées : (a) Loi n° 41/2001 du 19/09/2001 relative à l'indemnisation des victimes d'accidents corporels causés par des véhicules automoteurs ; et (b) Loi n° 26/2011 du 27/07/2011 portant indemnisation des préjudices causés par des animaux.
<u>Ingingo ya 18: Gutangira gukurikizwa</u> Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	<u>Article 18: Entry into force</u> This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	<u>Article 18 : Entrée en vigueur</u> La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 20/10/2025

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NSENGIYUMVA Justin
Minisitiri w’Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w’Ubutabera akaba n’Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux